REPUBULIKA Y' U RWANDA

MINISITERI Y'IMARI N'IGENAMIGAMBI

IJAMBO K'UMUSHINGA W'INGENGO Y'IMARI

Y'UMWAKA WA 2019/20

INSANGANYAMATSIKO:

GUKOMEZA GUTEZA IMBERE INGANDA HAGAMIJWE KONGERA IMIRIMO N'ITERAMBERE KURI BOSE

Rigejejwe ku Nteko Ishinga Amategeko imitwe yombi

KU WA 13 Kamena 2019

na

Dr. Uzziel NDAGIJIMANA

Minisitiri

I. INTANGIRIRO

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
-Ba Nyakubahwa ba Vice Perezida b'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi;
-Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

Nk'uko biteganywa n' ingingo ya 162 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 ndetse n'ingingo ya 35 n'iya 38 z'Itegeko Ngenga ryerekeye Imari n'Umutungo bya Leta; mu izina rya Guverinoma, nejejwe no kubagezaho Umushinga w'itegeko rigena Ingengo y'Imari y'Umwaka wa 2019/20 ndetse n'ingamba z'ubukungu mu gihe giciriritse.

1. Nk'uko mubizi, imbanzirizamushinga y'iyi ngengo y'imari ya 2019/20 twayibagejejeho mu mpera z'ukwezi kwa Mata uyu mwaka, tukaba tubashimira ibitekerezo mwayitanzeho tubizeza kandi ko byitaweho mu kunoza uyu mushinga w'itegeko tubagezaho uyu munsi.

2. Insanganyamatsiko y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2019/20 iragira iti: "**Gukomeza Guteza Imbere Inganda Hagamijwe Kongera Imirimo n'Iterambere kuri Bose"**; ikaba yaratoranijwe n'Abaminisitiri b'Imari b'ibihugu bigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba mu rwego rwo gushimangira ingamba zigamije guteza imbere ibikorerwa imbere mu gihugu, no guhanga imirimo hagamijwe guteza imbere abaturage. Bikaba biri no mu murongo wa Gahunda y'Igihugu y'Imyaka irindwi yo kwihutisha iterambere (NST1). Ni muri urwo rwego mu ngengo y'imari y'umwaka wa 2019/20 hamwe no mugihe giciriritse hateganyijwe gukomeza kongera umusaruro w'inzego zose z'ubukungu hamwe no gukomeza gushyigikira gahunda zigamije guhanga imirimo.

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;

-Ba Nyakubahwa ba Vice Perezida b'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi;

-Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

3. Iri jambo ku mushinga w'ingengo y'imari ya 2019/20 n'ingamba z'ubukungu mu gihe giciriritse rikubiyemo ibice by'ingenzi bikurikira:

    a) Ndabanza mbagezeho mu ncamake imiterere y'ubukungu bw'Isi mu mwaka wa 2018 muri rusange n'uko buteganijwe mu mwaka wa 2019/20, mbagezaho n' imiterere y'ubukungu bw'ibihugu byo munsi y'ubutayu bwa Sahara hamwe n'ubw'ibihugu by'Afurika y'iburasirazuba;

    b) Mu gice cya kabiri, ndabagezaho imiterere y'ubukungu bw'igihugu cyacu ndetse n'incamake y'aho tugeze dushyira mu bikorwa ingengo y'imari y' umwaka wa 2018/19 hamwe n'iby'ingenzi byagezweho mu nzego zitandukanye;

    c) Mu gice cya gatatu, ndabagezaho ingamba z'ubukungu bw'igihugu cyacu mu gihe giciriritse kuva mu mwaka wa 2019 kugeza mu 2022.

    d) Mu gice cya kane, ndabagezaho gahunda ndetse n'ibikorwa bikubiye muri uyu mushinga w'ingengo y'imari ya 2019/20 n'ingamba zizadufasha kuyishyira mu bikorwa, mbagaragarize kandi uko twasaranganyije amafaranga hashingiwe kuri Gahunda y'Igihugu y'Imyaka irindwi yo Kwihutisha Iterambere (NST1).

II. IMITERERE Y'UBUKUNGU BW'ISI MU MWAKA WA 2018 N'UKO BUTEGANIJWE MU MWAKA WA 2019/20

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;

-Ba Nyakubahwa ba Vice Perezida b'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi;

-Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

4. Raporo k'ubukungu bw'Isi ***(****World Economic Outlook****)*** yatangajwe n'Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari (IMF) muri Mata 2019, igaragaza ko ubukungu bw'Isi bwazamutse ku gipimo cya **3.6%** mu mwaka wa 2018 ugereranyije n'igipimo cya **3.8%** bwari bwazamutseho mu mwaka wa 2017; bitewe ahanini no kwiyongera k'ubukungu ku gipimo cyo hasi y'icyari giteganyijwe mu bihugu bimwe na bimwe by'i Burayi na Aziya no guhangana mu by'ubucuruzi hagati ya Leta Zunze Ububwe z'Amerika n'Ubushinwa. Mu mwaka wa 2019, ubukungu bw'Isi buteganyijwe kuzamuka ku gipimo cya **3.3%,** bukazakomeza kuzamuka kurushaho mu gice cya kabiri cya 2019 bukazagera ku gipimo cya **3.6%** mu mwaka wa 2020, bitewe ahanini no kuzamuka k'ubukungu bw'ibihugu bifite ubukungu bwihuta mu iterambere *(emerging countries)* ndetse n'ibihugu bimwe biri mu nzira y'amajyambere. Nyuma ya 2020, ubukungu buzakomeza kuzamuka ku gipimo cya **3.5%** bitewe cyane n'izamuka ry'ubukungu bw'ibihugu by'Ubushinwa n'Ubuhinde.

5. **Ubukungu bw'ibihugu byo munsi y'ubutayu bwa Sahara** bwakomeje kuzahuka nyuma yo guhungabana mu myaka ya 2015 na 2016 bitewe n'igabanuka ry'ibiciro ku rwego rw'Isi, urwego rw'imari rutari rwifashe neza, n'izamuka ry'agaciro k' Idorari ry' Amerika. Umusaruro mbumbe muri ibyo bihugu, wiyongereye ku gipimo cya **3%** mu mwaka wa 2018 ugereranyije na **2.9%** mu mwaka wa 2017; ukaba uteganyijwe kuzamuka ku gipimo cya **3.5%** mu mwaka wa 2019 no gukomeza kuzamuka ku gipimo kiri hafi ya **4%** mu gihe gitiritse. Uku kuzamuka k'ubukungu kuzaterwa ahanini n'izamuka ry'ishoramari mu ibihugu bifite ubukungu bunini no mu bihugu bifite ubukungu budashingiye ku mutungo kamere.

6. **Ubukungu bw'ibihugu byo mu muryango w'Afurika y'Iburasirazuba *(EAC)*** bwazamutse mu bihugu byose uretse Sudan y'Amajyepfo, bukaba bwarazamutse ku mpuzandengo ya **4.4%** mu mwaka wa 2018 ugereranyije na **2.9%** mu mwaka wa 2017. Ubukungu bwazamutse kuri 6% muri Kenya, 6.2% muri Uganda, 6.6% muri Tanzania, na 8.6% mu Rwanda, mugihe mu Burundi bwazamutse kuri 0.1% naho muri Sudani y'Amajyepfo bukamanuka kuri 1.2%. Mu mwaka wa 2019, ubukungu bw'ibihugu by'Umuryango wa Afrika y'Iburasirazuba buteganyijwe kuzamuka ku mpuzandengo ya 5.5% no gukomeza kuzamuka ku mpuzandengo iri hejuru ya **5%** mu gihe gicirirtse.

III. IMITERERE Y'UBUKUNGU BW'IGIHUGU CYACU

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
-Ba Nyakubahwa ba Vice Perezida b'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi;
-Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

7. **Ubukungu bw'igihugu cyacu** bwazamutse ku gipimo cya **8.6%** mu mwaka wa 2018 ugereranyije n'igipimo cya **7.2%** cyari giteganyijwe. Ibi bikaba byaraturutse ku musaruro mwiza w'urwego rw'inganda wiyongereye ku gipimo cya **10%,** ubuhinzi bukazamuka ku gipimo cya **6%**, naho urwego rwa Serivisi ruzamuka ku gipimo cya **9%**.

8. **Kuzamuka k'umusaruro w'urwego rw'inganda** ku gipimo cya **10%** kwaturutse ahanini ku bwubatsi bwazamutse ku gipimo cya **14%** ugereranyije n'igipimo cya **3%** wari wagabanutseho mu mwaka wa 2017. Hiyongeraho umusaruro ukomoka ku nganda z'ibinyobwa wazamutse ku gipimo cya 9%, n'uw'inganda z'imyenda n'ibikomoka ku mpu wazamutse ku gipimo cya 20%.

9. **Umusaruro w'urwego rw'ubuhinzi** wazamutse ku gipimo cya **6%** bitewe n'ingamba zitandukanye zigamije kongera umusaruro w'ubuhinzi Leta yakomeje gushyiramo ingufu, hamwe n'ikirere cyagenze neza muri rusange.

10. **Umusaruro w'urwego rwa Serivisi** wakomeje kuba mwiza kuko wazamutse ku gipimo cy' **9%** biturutse ahanini ku bucuruzi bunini n'ubuciriritse bwazamutse ku gipimo cya **15%** hamwe no gutwara abantu n'ibintu byazamutse ku gipimo cya **18%.** Servisi z'amahoteli n'amaresitora byazamutse ku gipimo cy' **10%** , itumanaho ryazamutse ku gipimo cya **18%,** naho servisi z'imari zizamuka ku gipimo cy' **10%.**

11. **Igipimo rusange cy'izamuka ry'ibiciro ku masoko *(Inflation)*** cyakomeje kuba munsi y'impuzandengo ya **5%** nk'uko byari biteganyijwe kuko cyari gihagaze kuri **1.1%** mu mpera z'umwaka wa 2018. Muri rusage, izamuka ry'ibiciro ku masoko ryari ku mpuzandengo ya **1.4%** mu mwaka wa 2018 ugereranyije n'igipimo cya **4.8%** mu mwaka wa 2017.

12. **Mu rwego rw'ubuhahirane n'amahanga,** icyuho hagati y'ibyo dutumiza n'ibyo twohereza mu mahanga cyageze kuri **Miliyoni 906 z'Amadorali y'Amerika** mu mwaka wa 2018 kivuye kuri **Miliyoni 829.2 z'Amadorali y'Amerika** mu mwaka 2017, bivuze ko kiyongereye ku gipimo cya **9.3%** . Ibi bikaba byaratewe no kuba ibyo dutumuza mu mahanga byarazamutse ku gipimo cya **8.1%** mu mwaka wa 2018 mu gihe ibyo twohereza mu mahanga byo byiyongereye ku gipimo cya **7.2%**. Kwiyongera kw'ibyo dutumiza mu mahanga kwatewe ahanini n'imishinga minini yo mu rwego rw'imihanda, amashanyarazi, n'inyubako, harimo ikibuga cy'indege cya Bugesera, umushinga w'amashanyarazi akomoka kuri nyiramugengeri ***(peat to power)*** mu Karere ka Gisagara n'imishinga yo kubaka imihanda itandukanye, hakiyongeraho n'izamuka ry'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli. Muri rusange igipimo cy'ubwizigamire mu madovize mu mwaka wa 2018 kikaba cyarazamutse kikagera ku mezi 4.7 y'ubushobozi bwo gutumiza ibintu mu mahanga kivuye ku mezi 4 mu mpera z'umwaka wa 2017.

13. **Ku birebana n'iterambere ry'urwego rw'imari na politiki y'ifaranga,** mu mwaka wa 2018, ingano y'amafaranga akoreshwa mu gihugu ***(Broad Money–M3)*** yazamutse ku gipimo cya **15.6%** ugereranyije na **12.4%** mu mpera z'umwaka wa 2017. Amabanki n'ibigo by'imali byari bifite amafaranga ahagije yo guha servisi abakiliya, ku buryo inguzanyo zatanzwe n'amabanki n'ibigo by'imari ziyongereye ku gipimo cya **10.8%**.

14. **Ku birebana n'agaciro k'ifaranga ry'igihugu cyacu ugereranyije n' Idolari ry'Amerika,** mu mwaka wa 2018 kagabanutse ku gipimo cya **3.5%** mu gihe mu mwaka wa 2017 kagabanutse ku gipimo cya **6%**.

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
-Ba Nyakubahwa ba Vice Perezida b'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi;
-Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

15. Nyuma yo kubagezaho imitere y'ubukungu, munyemerere mbagezeho muri make aho ishyira mu bikorwa ry'ingengo y'imali y'umwaka wa 2018/2019 rigeze.

16. **T**ariki ya 11 Gashyantare 2019, Inteko Ishinga Amategeko yatoye ingengo y'imari ivuguruye ingana na **Miliyari 2,585.2** z'amafaranga y'u Rwanda. Imibare dufite iragaragaza ko gukoresha ingengo y'imari mu bihembwe bitatu bibanza by'umwaka wa 2018/2019 byagenze neza muri rusange.

17. Kugera mu mpera z'ukwezi kwa Werurwe 2019, amafaranga yose yinjijwe mu ngengo y'imari angana na **Miliyari 1,873.7**, bivuze ko yarenzeho agera kuri **Miliyari 37** ugereranije na **Miliyari 1,836.7** yari ateganijwe kwinjizwa. Amafaranga aturuka ku misoro yinjijwe agera kuri **Miliyari 1,015.5** z'amafaranga y'u Rwanda, ugereranyije na **Miliyari 1,008.3** yari ateganyijwe, bivuze ko yarenzeho agera kuri **Miliyari 7.2.** Amafaranga akomoka ku mahoro yinjijwe aragera kuri **Miliyari 203.4**,

akaba yararenzeho agera kuri **Miliyari 23.9** z'amafaranga y'u Rwanda ugereranyije na **Miliyari 179.3** z'amafaranga y'u Rwanda yari ateganyijwe kwinjira.

18. Amafaranga aturuka hanze y'igihugu yinjijwe yageze kuri **Miliyari 654.9**, akaba yararenzeho **Miliyari 5.7** z'amafaranga y'u Rwanda ugereranyije na **Miliyari 649.2** yari ateganyijwe kwinjira kugera mu mpera za Werurwe 2019. Ibi bikaba byaratewe n'amafaranga akomoka ku nguzanyo yarenzeho Miliyari 12.3 ku yari ateganyijwe, kuko yageze kuri Miliyari 327.7 ugereranyije na Miliyari 315.4 yari ateganijwe; ibi byatewe n'uko hari mafaranga y' inguzanyo yabonetse mbere y'igihe cyari giteganyijwe. Amafaranga aturuka ku mpano yo yagabanutseho **Miliyari 6.7** akagera kuri **Miliyari 327.1** ugereranije na **Miliyari 333.8** zari ziteganijwe.

19. **Ku birebana n'uburyo amafaranga yakoreshejwe,** imibare dufite igaragaza ko kuva mu kwezi kwa Nyakanga 2018 ingengo y'imari itangiye gushyirwa mu bikorwa kugera mu mpera za Werurwe 2019, amafaranga yakoreshejwe habariwemo n'ishoramari rya Leta agera kuri **Miliyari 1,853.3** z'amafaranga y'u Rwanda, akaba yararenzeho agera kuri **Miliyari 31** ugereranyije na **Miliyari 1,822.3** yari ateganyijwe gukoreshwa. Turebye aho tugeze dushyira ingengo y'imari mu bikorwa bikaba biduha icyizere ko ingengo y'imari ivuguruye y'umwaka wa 2018/19 yemejwe n'Inteko Ishinga Amategeko izakoreshwa nk'uko byateganyijwe.

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
-Ba Nyakubahwa ba Vice Perezida b'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi;
-Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

20. Nyuma yo kubagaragariza aho tugeze dushyira mu bikorwa ingengo y'imari ya 2018/19, munyemerere mbagezeho mu ncamake ibikorwa by'ingenzi byagezweho mu nzego zitandukanye kugeza mu mpera za Werurwe 2019:

a) Mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi:

21. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho ni ibi bikurikira:

- ✓ Mu rwego rwo gukomeza gushyira mu bikorwa Gahunda yo guhuza ubutaka, no guhingaho ibihingwa bigendanye n'imitere y'ubutaka, mu gihembwe cya kabiri cy'ihinga hahujwe ubuso bungana na hegitari ibihumbi 62 buhingwaho ibigori, hegitari ibihumbi 350 zihingwaho ibishyimbo, hegitari ibihumbi 51 zihingwaho ibirayi, hegitari ibihumbi 27 zihingwaho imyumbati, hegitari ibihumbi 14 zihingwaho umuceri, hegitari ibihumbi 7 zihingwaho soya, naho hegitari ibihumbi 4 zihingwaho imboga;
- ✓ Mu rwego rwo gukomeza kugabanya imbuto zitumizwa hanze, hashyizwe imbaraga mu kuzituburira imbere mu gihugu aho hatubuwe Toni ibihumbi 3,300 z'ibigori, Toni 597 z'ingano, Toni 395 za Soya, Toni ibihumbi 15 z'ibirayi hamwe n'imbuto z'imyumbati zigera ku ingeri miliyoni 2,300,000;
- ✓ Hagamijwe kurwanya isuri no kongera umusaruro, hatunganyijwe amaterase y'indinganire ku buso bungana na hegitari 3,256, hanacibwa imirwanyasuri ku buso bungana na hegitari 10,900;
- ✓ Imirimo yo gutunganya ibishanga no kubibyaza umusaruro yarakomeje hatunganywa hegitari 572, harimo hegitari 110 z'igishanga cya Kanyonyomba na hegitari 462 mu gishanga cya Rwinkwavu;
- ✓ Muri gahunda yo kongera umusaruro ukomoka ku bworozi, inka ibihumbi 93,273 zatewe intanga, havuka inyana ibihumbi 35,911;
- ✓ Toni 17,031 z'ikawa,Toni 19,445 z'icyayi, na Toni 15 z'ibireti zoherejwe mu mahanga, naho umusaruro w'imbuto, imboga n'indabyo twohereza mu mahanga wo wageze kuri Toni ibihumbi 22,458. Byose hamwe byinjije Miliyoni 142 z'Amadolari y'Amerika;

b) Mu rwego rw'inganda n'ubucuruzi

22. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho ni ibi bikurikira:

- ✓ Gutunganya no kongerera agaciro umusaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi; aho amata angana na litilo miliyoni 59 yatunganyirijwe mu nganda zitandukanye (Inyange ltd, Blessed Diary, Nyanza na Giheke); naho abayobozi n'abakozi b'amakoperative 180 bakorera mu makusanyirizo y'ibirayi agera kuri 60 bahabwa amahugurwa;

- ✓ Imirimo yo gushyira ibikorwa remezo ahagenewe inganda mu Ntara yarakomeje, imirimo igeze ku gipimo cya 44% mu cyanya cy'inganda cya Bugesera; hanatanzwe ingurane ku butaka bungana na Ha 100 ahazubakwa inganda mu Karere ka Musanze;

- ✓ Binyuze mu kigega cya BDF, ibigo by'abikorera bato n'abaciritse (SMEs) 432 byafashijwe kubona igishoro mu rwego rwo guteza imbere ibikorerwa iwacu; abanyeshuri 805 barangije mu mashuri y'imyuga n'ubumenyi-ngiro bahawe inguzanyo ibafasha kubona ibikoresho by'ububaji, byo gusudira, n'iby'ubudozi; naho ibigo by'abagore n'urubyiruko bigitangira (start ups) bikora imirimo na serivisi zitandukanye bigera ku bihumbi 5,025 bihabwa amahugurwa ku gukorana n'ibigo by'imali ndetse hanahangwa imirimo ku rubyiruko rugera ku bantu 507.

c) Mu rwego rw'ingufu:

Hibanzwe ku bikorwa byo kugeza amashanyarazi ku baturage hamwe no gusana no kwagura imiyoboro y'amashanyarazi itandukanye:

- ✓ Ni muri urwo rwego ingo 108,168 zahawe amashanyarazi ashamikiye ku muyoboro mugari *(on-grid),* naho ingo 65,150 zihabwa amashanyarazi ashingiye ku ngufu z'imirasire y'izuba *(off-grid);*
- ✓ Imirimo yo kubaka imiyoboro y'amashanyarazi ya Kv 220 Mamba-Rwabusoro-Rilima ufite Km 79.3 hamwe n'uwa Kv 110 Bugesera-Gahanga na za sitasiyo ziyishamikiyeho igeze ku gipimo cya 78**%**;

- ✓ Imirimo yo kubaka uruganda rw'amashanyarazi aturuka kuri nyiramugengeri mu Karere ka Gisagara ruzatanga MW 80, igeze ku gipimo cya **57.1%.**

d) Mu rwego rw'amazi, isuku n'isukura:

23. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho ni ibi bikurikira:
    - ✓ Imirimo yo kubaka uruganda rutunganya amazi rwa Nzove ya 2 yararangiye, aho kuri ubu rutanga amazi agera kuri M^3 40,000 ku munsi;
    - ✓ Imirimo yo kubaka uruganda rw'amazi rwa Kanyonyomba ruzatanga M^3 5,000 ku munsi igeze ku gipimo cya 98%;
    - ✓ Hubatswe Km 526 z' imiyoboro y'amazi ya Ruhashya-Ntyazo, Muyaga-Hakani (**Gisagara**), Mageragere-Nyarurenzi (**Nyarugenge**), Ntoma-Musheri (**Nyagatare**), Nyabizi-Butaro (**Burera**), Bureranyana-Tanda (**Gicumbi**), Kivomo-Bigerero (**Gicumbi**), Kanyonyomba (**Bugesera**), Murama-Rwamiko-Bukure (**Gicumbi**), Gihengeri-Ngarama (**Nyagatare**), Ntwari-Kayenzi (**Kamonyi**), na Gatonde (**Gakenke**) iteganijwe kugeza amazi meza ku baturage ibihumbi 335,306 mu bice by'icyaro;
    - ✓ Imirimo yo kubaka amariba atanga amazi (boreholes) mu Turere twegereye twa Nyagatare, Burera, Karongi, Nyamasheke, na Rusizi yaratangiye kandi iragenda neza. *(1 muri Rwempasha i Nyagatare, 2 muri Burera, 2 muri Karongi,1 muri Nyamasheke, 2 muri Rusizi).*

e) Mu rwego rwo gutwara abantu n'ibintu:

24. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho ni ibi bikurikira:
    - ✓ Hasanwe Ibirometero 262 by'imihanda itandukanye, harimo umuhanda Kagitumba-Gabiro ugeze ku gipimo cya **80.8%** umuhanda wa Gabiro-Kayonza ugeze ku gipimo cya 90.2%, Kayonza-Rusumo ugeze ku gipimo cya **72%**, Nyagatare-Rukomo ugeze ku gipimo cya **11%**, umuhanda wa Base-Rukomo ugeze ku gipimo cya **88.9%**, hamwe n' umuhanda wa Huye-Kitabi ugeze ku gipimo cya **83.4%**;

- ✓ Imirimo yo kubaka imihanda itandukanye yo mu Mujyi wa Kigali ifite Km 54 igeze ku gipimo cya 76.8%;

- ✓ Hakomeje imirimo yo kubaka no gusana imihanda ifasha abahinzi kugeza umusaruro ku masoko (feeder roads) hirya no hino mu gihugu.

f) Mu rwego rwo guteza imbere imiturire:

25. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho ni ibi bikurikira:

- ✓ Mu rwego rwo guteza imbere imiturire myiza mu cyaro, hakomeje kubakwa imidugudu y'icyitegererezo (IDP model Villages) mu Turere dutandukanye tw'igihugu (Nyagatare, Gicumbi, Burera, Musanze na Nyarugenge);

- ✓ Hakomeje kandi imirimo yo kubaka inyubako za Leta zitandukanye harimo inzu izakorerwamo n'Urukiko rw'Ubucuruzi igeze ku gipimo cya 89.5 ku ijana, Inzu izakorerwamo n'inzego zitandukanye za Leta, harimo n'ibiro bya Minisitiri w'Intebe, ku Kimihurura yaruzuye. Inyobako y'ububiko bw'inyandiko ku rego rw'igihugu iri ku kacyiru igeze ku gipimo cya **38%**, naho imirimo yo kubaka stade mberabyombi itwikiriye ya Kigali *(Kigali Arena)* ikaba igeze ku gipimo cya **85%**.

g) Mu rwego rw'uburezi:

26. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho ni ibi bikurikira:

- ✓ Imirimo yo kubaka ibyumba by'amashuri 1,686 biteganyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018/19 igeze ku gipimo cya **86.2%**; imirimo yo kubaka ubwiherero 1,452 igeze ku gipimo cya **86.6%**; naho kubaka ibyumba by'amashuri y'incuke 90 byari ku gipimo cya **86.2%**;

- ✓ Amashuri yisumbuye 138 yagejejweho interineti yihuta (4G LTE) mu rwego rwo guteza imbere ikoranabuhanga mu mashuri;

- ✓ Imirimo yo kubaka amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro ya Nyabihu, Rutongo, Busogo na Kabarondo yararangiye naho aya Muhanga na Gishari akaba ageze ku gipimo cya 82%. Aya mashuri yose akaba ateganijwe guhabwa ibikoresho mu ngengo y'imari y'umwaka utaha wa 2019/20.

h) Mu rwego rw'ubuzima:

27. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho ni ibi bikurikira:

- ✓ Mu rwego rwo kurwanya Malariya, hatewe imiti yica imubu itera Malariya mu Turere twagaragayemo malariya kurusha utundi: Mu Karere ka Nyagatare hatewe umuti mu ngo 118,287, mu Karere ka Kirehe haterwa umuti mu ngo 88,556. Muri Huye hatewe umuti mu ngo ibihumbi 83,161; muri Nyanza haterwa umuti mu ngo ibihumbi 80,752 naho muri Gisagara haterwa umuti mu ngo ibihumbi 85,273. Imirimo yo gutera imiti mu Turere twa Bugesera, Gatsibo na Ngoma nayo irakomeje;
- ✓ Mu rwego rwo guhangana n'indwara zitandura, ubu **92%** by' Ibigo nderabuzima bifite ahatangirwa serivisi zo kuvura indwara zitandura zitandukanye, ndetse abakozi bo mu bitaro by'Uturere 12 bahawe amahugurwa mu kuvura no gukumira izo ndwara.
- ✓ Muri gahunda yo kwegereza abaturage serivisi z'ubuvuzi, hubatswe ibigo bitangirwamo ubuvuzi bw'ibanze (Health Posts) 103 mu Turere dutandukanye; Imirimo yo kubaka ibitaro bya Gatonde mu Karere ka Gakenke igeze ku musozo, kubaka ibitaro bya Gatunda bigeze ku gipimo cya 60%; kubaka Ibitaro bya Munini bigeze ku gipimo cya 38%; kubaka Ibitaro by'Akarere ka Nyarugenge bigeze ku gipimo cya 55%; naho imirimo yo kubaka ibitaro bya Nyabikenke igeze kuri 50%.

i) Mu rwego rw'ubutabera:

28. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho ni ibi bikurikira:

- ✓ Mu rwego rwo gukomeza kwegereza abaturage ubutabera, Abunzi bakiriye imanza ibihumbi 34,065 murizo ibihumbi 32,656 zingana na **96%** zarakemuwe, naho 1,409 zingana na 4% ziracyasuzumwa;

- ✓ Hakomeje umushinga wo kuvugurura amategeko hagamijwe kuyajyanisha n'igihe; imirimo ikaba igeze ku gipimo cya 35%;
- ✓ Hagamijwe guteza imbere gukoresha ikoranabuhanga no kunoza serivisi mu rwego rw'ubutabera, ibirego byose byakiriwe hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga buzwi nka Integrated Electronic Case Management System; (IECMS) hanatangwa amahugurwa kubifashisha iryo koranabuhanga bagera kuri 546.
- ✓ Imirimo yo kubaka icyiciro cya 2 cy'inyubako z' Ishuri rya Polisi rya Gishari yararangiye; naho imirimo yo kubaka sitasiyo za polisi za Nkora (Rutsiro) na Kibeho (Nyaruguru) yararangiye, ndetse imirimo yo gusana sitasiyo zitandukanye yarakomeje: iya Gikondo igeze ku gipimo cya 51.8%, iya Kamonyi ku gipimo cya 55.5% naho iya Nyagatare igeze ku gipimo cya 31%.
- ✓ Murwego rwo gukomeza kubungabunga imibereho myiza y'abagororwa haguwe kandi havugururwa gereza za Rubavu, Mageragere, Nyamagabe na Huye; imirimo ikaba igeze ku gipimo cya 65%. Hubatswe kandi ikigo cy'amahugurwa cy'urwego rw'Igihugu rushinzwe amagereza ku gipimo cya 31%.
- ✓ Mu rwego rwo gucunga neza imari n'umutungo bya Leta, hagarujwe amafaranga angana 1,492,704,040 y'u Rwanda, amayero ibimbi 3,729 n'amadorali 7,800 byose bingana na 89% y'ayari ateganyijwe kugaruzwa. *(1.6 billion)*
- ✓ Umushinga wo kubika neza inyandiko z'Inkiko Gacaca hakoreshejwe ikoranabuhanga ubu ugeze ku gipimo kirenga 70% (Digitization and Conservation of Gacaca records)

j) Mu rwego rw'imibereho myiza:

29. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho ni ibi bikurikira:

- ✓ Imiryango igera ku bihumbi 137,263 yo mu mirenge 244 yahawe akazi muri gahunda y'imirimo rusange ya VUP naho imiryango igera ku bihumbi 107,106 ihabwa inkunga y'ingoboka;
- ✓ Imirimo yo kubaka amazu agera ku 1,190 yubakirwa abacitse ku icumu rya Genocide yakorewe Abatutsi batishoboye igeze ku gipimo cya 90%.
- ✓ Imiryango ibihumbi 22,530 yahawe inka muri Gahunda ya GIRINKA, abana bari munsi y'imyaka 5 bagaragaweho imirire mibi bagera ku bihumbi 16,477 bahabwa amata; naho abana ibihumbi 85,000 hamwe n'abagore batwite n'abonsa ibihumbi 14,679 bahabwa ibiribwa bikungahaye ku ntungamubiri;
- ✓ Mu rwego rwo gufasha imiryango yahuye n'ibiza, amazu agera kuri 446 yarubatswe, naho agera kuri 497 aracyubakwa mu Turere 10[1] twahuye n'ibiza kurusha utundi.
- ✓ Imirimo yo kubaka ibigo ngororamuco bya Gitagata na Nyamagabe irakomeje; abana ibihumbi 4,300 barahuguwe bigishwa kureka ibiyobyabwenge, bakurwa no mumuhanda banahuzwa n'imiryango yabo.

IV. POLITIKE Y'UBUKUNGU MU GIHE GICIRIRITSE

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
-Ba Nyakubahwa ba Vice Perezida b'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi;
-Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

30. Nyuma yo kubagezaho aho ubukungu bw'igihugu cyacu buhagaze muri iki gihe, aho tugeze dushyira mu bikorwa ingengo y'imari y'umwaka wa 2018/19 turimo dusoza hamwe n'ibikorwa by'ingenzi bimaze kugerwaho, munyemerere mbagezeho politiki n'ingamba z'ubukungu mu gihe gicirirtse, hamwe n'ingengo y'imari iteganyijwe mu mwaka wa 2019/20.

[1] Rulindo, Kamonyi, Karongi, Rubavu, Ngororero, Nyabihu, Gakenke, Rutsiro, Musanze, Burera.

31. **Ubukungu bw'igihugu cyacu** buteganyijwe kuzamuka ku gipimo cya **7.8%** mu mwaka wa 2019, **8.1%** mu mwaka wa 2020, no ku gipimo cya **8.2%** mu mwaka wa 2021; iri zamuka ry'ubukungu ahanini rizaturuka ku musaruro w'urwego rw'ubuhinzi uteganyijwe gukomeza kuzamuka kubera ishoramari rikomeje kwiyongera mu bikorwa birimo inyongeramusaruro hamwe no kwiyongera kw'ibikorwa remezo bifasha mu kuhira imyaka. Umusaruro w'**urwego rw'ubuhinzi** uteganyijwe kuzamuka ku gipimo cya **5.5%** mu mwaka wa 2019, na **5.2%** mu mwaka wa 2020.

32. **Urwego rw'Inganda** ruteganyijwe kuzamuka ku gipimo cya **11%** mu mwaka wa 2019 no ku gipimo cya **12.1%** mu mwaka wa 2020 ahanini biturutse ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'ubwubatsi buzarushaho gutanga umusaruro, n'inganda zitunganya ibicuruzwa bitandukanye muri gahunda yo yo guteza imbere iby'iwacu (Made in Rwanda).

33. **Urwego rwa serivisi** rwo ruteganyijwe kuzamuka ku gipimo cya **8%** mu mwaka wa 2019 ndetse no ku gipimo cya **8.2%** mu mwaka wa 2020 na 2021.

34. **Igipimo cy'izamuka ry'ibiciro ku masoko** (Inflation) mu mwaka wa 2019 ndetse no mugihe gicirirtse giteganyijwe kutarenga ku gipimo cya **5%**
35. **Ku byerekeranye n'ubuhahirane n'amahanga**, ibicuruzwa twohereza mu mahanga biteganyijwe kuzamuka ku gipimo cya **11.2%** mu mwaka wa 2019, **14.1%** mu mwaka wa 2020 ndetse, no ku gipimo cya **19%** mu mwaka wa 2021. Uku kwiyongera kw'ibicuruzwa twohereza mu mahanga kuzashingira ahanini ku kwiyongera k'umusaruro w'ikawa n'icyayi nyuma yo kubaka inganda shya zitunganya icyayi mu turere twa Nyaruguru, Karongi na Nyamasheke ziteganyijwe gutangira imirimo mu mwaka wa 2021; hakaniyongeraho ko ubuso buhingwaho imboga n'indabyo bukomeje kwiyongera, hamwe no gutunganya no kongerera agaciro amabuye y'agaciro yoherezwa ku isoko mpuzamahanga.

36. **Ibicuruzwa dutumiza mu mahanga** biteganyijwe kwiyongera ku gipimo cya **9.8%** mu mwaka wa 2019, ahanini kubera ibikoresho bizatumizwa mu gushyira mu bikorwa imishinga y'iterambere itandukanye. **Icyuho hagati y'ibyo dutumiza n'ibyo twohereza**

mu mahanga kikaba giteganyijwe kwiyongera ho gato kikagera ku gipimo cya **9.4%** by'umusaruro mbumbe w'igihugu mu mwaka wa 2019 no ku gipimo cya **10.2%** by'umusaruro mbumbe w'igihugu mu mwaka wa 2020. **Ishoramari ry'abanyamahanga (FDIs)** riteganyijwe gukomeza kwiyongera mu mwaka wa 2019 na 2020 bikazanafasha mu kuzamura ubwizigamire mu madevize bukagera k'ubushobozi bw'amezi 4.8 yo gutumiza ibicuruzwa mu mahanga mu mwaka wa 2020.

37. **Ku birebana n'iterambere ry'urwego rw'imari,** igipimo cy'amafaranga mu mabanki kizakomeza kwiyongera (liquidity ratio), amafaranga ashyirwa ku isoko (broad money) ateganijwe kuzamuka ku gipimo cya **20.4%** muri 2019 ugereranije na **15.6%** yari yiyongereyeho mu mwaka wa 2018. Inguzanyo zihabwa urwego rw'abikorera ziteganyijwe kuziyongera ku gipimo cya **12.7%** mu mwaka wa 2019 ugereranije n'igipimo cya **10.8%** mu mwaka wa 2018.

V. INGENGO Y'IMARI YA 2019/20

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
-Ba Nyakubahwa ba Vice Perezida b'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi;
-Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

38. Nyuma yo kubagezaho mu ncamake politiki y'ubukungu n'ingamba z'ubukungu mu gihe gicirirtse, munyemerere noneho mbagezeho imiterere y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2019/20 ndetse n' ibikorwa by'ingenzi bizibandwaho.

39. Muri rusange, politiki y'ingengo y'imari mu gihe gicirirtse izakomeza kurushaho kongera amafaranga ava imbere mu gihugu yinjira mu ngengo y'imari, gucunga neza inguzanyo dufata cyane cyane twibanda ku gufata inguzanyo ku mishinga yizwe neza kandi zidahenze hamwe no kugenera ingengo y'imari ibikorwa by'ingenzi byasesenguwe neza akaba aribyo bizatuma tugera ku ntego za Gahunda y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST1).

40. Bijyanye n'iyi politiki, ingengo y'imari y'umwaka wa 2019/20 irangana na **Miliyari 2,876.9** z'amafaranga y'u Rwanda, ikaba iziyongeraho **Miliyari 291.7** z'amafaranga y'u Rwanda ugereranyije na **Miliyari 2,585.2** dufite ubu mu ngengo y 'imari ivuguruye ya 2018/2019. Iyi nyongera ikaba izaturuka ku mafaranga ava imbere mu gihugu ndetse n'inguzanyo ziva hanze biziyongera.

41. Amafaranga akomoka imbere mu gihugu habariwemo n'inguzanyo z'imbere mu gihugu azagera kuri **Miliyari 1,963.8** z'amafaranga y'u Rwanda, bingana na **68.3%** by'Ingengo y'imari yose y'umwaka wa 2019/20. Inkunga z'amahanga ziteganyijwe kugera kuri **Miliyari 409.8** bingana na **14.2%** by'Ingengo y'imari yose, naho inguzanyo z'amahanga zikazagera kuri **Miliyari 497** bingana na **17.3%** by'ingengo y'imari yose. Muri rusange amafaranga ava imbere mu gihugu twongeyeho inguzanyo ziva hanze twishyura arangana na **85.8%** mu ngengo y'imari y'umwaka wa **2019/2020,** bikaba bigaragaza intambwe imaze guterwa mu rugendo rugana ku ntego yo kwigira**.**

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;

-Ba Nyakubahwa ba Vice Perezida b'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi;

-Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

42. Munyemerere mbagezeho zimwe mu ngamba zafashwe mu bijyanye na gahunda y'imisoro n'ubwakirizi bwayo kugirango tugere ku ntego twihaye mu bijyanye no kwinjiza amafaranga ava imbere mu gihugu. Harimo:

- ✓ Kuvugurura itegeko rigena uburyo bw'isoresha aho riteganya ko umuntu wese ukora ibikorwa bisoreshwa agomba gutanga inyemezabuguzi ikozwe mu buryo bw'ikoranabuhanga bwemewe n'Ubuyobozi bw'imisoro bikazafasha mu kubahiriza amategeko agenga abasora;
- ✓ Kuvugurura itegeko rigenga umusoro ku byacurujwe bimwe na bimwe bitari mu bikenerwa by'ibanze *(Excise Duty)* bizafasha mu kongera amafaranga yinjizwa no

kugabanya ikoreshwa rya bimwe mu bicuruzwa bigira ingaruka mbi ku buzima bw'ababikoresha;

- ✓ Kugabanya no gusonera imisoro aho biri ngombwa inzego z'imwe na zimwe, mu rwego rwo gufasha abaturage kubona ibikenerwa by'ibanze, guteza imbere ibikorerwa mu Rwanda, no guteza imbere ikorana buhanga mu itumanaho rikoreshwa muri serivisi zitandukanye. Kuri bene ibyo bicuruzwa twasabye mu Muryango w'Afrika y'Iburasirazuba kutagendera ku mahoro ahuriweho akoreshwa muri uwo muryango ku bicuruzwa bituruka hanze yawo (Common External Tariffs). Ahenshi ibyo bicuruzwa bikazakomeza kuba ku kigero cy'amahoro kingana n'icyo muri uyu mwaka wa 2018/19:

  i. Isukari izakomeza kwishyura amahoro ya gasutamo ku gipimo cya **25%** aho kwishyura **100%**.
  ii. Umuceri uzakomeza kwishyura amahoro ya gasutamo ku gipimo cya **45%** cyangwa amadorali y'amerika **345** kuri toni aho kwishyura **75%.**
  iii. Ibicuruzwa bitumizwa gucururizwa mu Iguriro ryashyiriweho abakora mu nzego z'umutekano *(Army Shop)* bizakomeza kwishyura amahoro ya gasutamo ku gipimo cya **0%** aho kuba **25%**.
  iv. Imodoka za rukururana zizakomeza kwishyura amahoro ya gasutamo ku gipimo cya **0%** aho kwishyura **10%**.
  v. Imodoka zitwara imizigo ku bushobozi buri hagati ya toni 5 na toni 20 zizakomeza kwishyura amahoro ya gasutamo ku gipimo cya **10%** aho kwishyura **25%**.
  vi. Imodoka zitwara imizigo ku bushobozi burenze toni 20 zizakomeza kwishyura amahoro ya gasutamo ku gipimo cya **0%** aho kwishyura **25%.**
  vii. Imodoka zitwara abagenzi ku buryo bwa rusange bari hagati ya 25 na 50 zizakomeza kwishyura **10%** aho kwishyura **25%**.
  viii. Imodoka zitwarira hamwe abagenzi barenze 50 zizakomeza kwishyura **0%** aho kwishyura **25%**.

ix. Ibikoresho by'ibanze bikoreshwa mu budozi bw'imyenda no mu nganda zitunganya impu bizakomeza kwishyura amahoro ya gasutamo ku gipimo cya **0%** aho kwishyura **10%** cyangwa **25%**.

x. Ibikoresho by'itumanaho bizakomeza kwishyura amahoro ya gasutamo ku gipimo cya **0%** aho kwishyura **25%**.

xi. Ibicuruzwa biri ku rutonde rw'ibikoresho by'ibanze bikenerwa mu nganda (Raw materials) bizakomeza kwishyura **0%** aho kwishyura **10%** cyangwa **25%**.

xii. Ibikoresho byifashishwa mu guhererekanya amafaranga (amakarita ya za banki, utumashini dukoreshwa n'abacuruzi mu kwishyurwa no gutanga inyemezabuguzi (EBM)) bizakomeza kwishyura **0%** aho kuba **25%**.

xiii. Imyenda ya caguwa izakomeza kwishyura amadorari y'Amerika **2.5** ku kiro aho kwishyura **35%** cyangwa amadolari y'Amerika **0.4** ku kiro, bitewe n' ikiri hejuru nkuko bimeze muri EAC. Inkweto za caguwa zizajya zishyura amadorari ya Amerika **5** ku kilo aho kwishyura **35%** cyangwa amadolari y'Amerika **0.4** ku kilo, bitewe n'ikiri hejuru nkuko bimeze muri EAC.

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
-Ba Nyakubahwa ba Vice Perezida b'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi;
-Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

43. Nyuma yo kubagezaho ingamba zizadufasha kwinjiza amafaranga mu ngengo y'imari, ndagira ngo mbagezeho uburyo amafaranga ateganyijwe gukoreshwa.

44. Ibikorwa bizakoreshwamo amafaranga y' ingengo y'imari ya 2019/20 byatoranyijwe hashingiwe ku bikorwa by'ingenzi bikubiye muri Gahunda y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST1). Amafaranga azakoreshwa mu ingengo y'imari isanzwe ***(recurrent budget)*** aragera kuri **Miliyari 1,424.5** z'amafaranga y'u Rwanda, bingana na **49.5%** by'ingengo y'imari yose; akaba aziyongeraho miliyari zisaga **114.5** z'amafaranga y'u Rwanda ugereranyije na **Miliyari 1,310** z'amafaranga y'u Rwanda

dufite mu ngengo y'imari ivuguruye ya 2018/19. Iyi nyongera ikaba izafasha ahanini mu kwishyura imishahara bitewe n'imishara abakozi ba Leta, gushyira mu bikorwa imbonerahamwe y'abakozi bo mu bitaro n'ibigo nderabuzima hamwe n'ibigo bya Leta byavuguruwe. Iyi nyongera kandi izafasha mu kugenera ibigo bya Leta bishya amafaranga yo gukoresha.

45. Ingengo y'imari y'iterembere iragera kuri **Miliyari 1,152.1** z'amafaranga y'u Rwanda bingana na **40%** by'ingengo y'imari yose, ikaba iziyongeraho asaga **Miliyari 111.2** z'amafaranga y'u Rwanda ugereranyije na **Miliyari 1,041** ari mu ngengo y'imari ivuguruye ya 2018/19. Amafaranga y'imishinga ava imbere mu gihugu arangana na **Miliyari 694** z'amafaranga y'u Rwanda bingana na **66.7%** by'ingengo y'imari y'iterambere yose. Amafaranga agenewe ingengo y'imari y'iterembere ava mu mahanga agera kuri **Miliyari 458.2** bingana na **33.3%** by'ingengo y'imari y'iterambere yose. Muri yo harimo **Miliyari 198.4** y'inguzanyo na **Miliyari 259.8** y'impano.

46. Amafaranga azakoreshwa mu ishoramari rya Leta (Net lending) aragera kuri **Miliyari 244.1** z'amafaranga y'u Rwanda, angana na **8.5%** by'ingengo y'imari yose; akaba yiyongera ugereranyije na **Miliyari 190** z'amafaranga y'u Rwanda ari mu ngengo y'imari ivuguruye ya 2018/19. By'umwihariko uku kwiyongera kuzafasha mu kwagura ibikorwa bya Rwandair no kongerera Banki y'Iterambere (BRD) ubushobozi. Hari kandi hari n'amafaranga agera kuri **Miliyari 30.6** agenewe kwishyura ibirarane, n'andi agera kuri **Miliyari 25.5** azakoreshwa mu kongera ubwizigame bwa Leta, ibyo byombi hamwe bikangana na **2%** by'ingengo y'imari yose.

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;

-Ba Nyakubahwa ba Vice Perezida b'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi;

-Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

47. Nyuma yo kubagezaho politiki y'ingengo y'imari ya 2019/20 ndetse n'ingamba ziyikubiyemo mu gihe gicirirtse, nagira ngo mbagezeho ibikorwa by'ingenzi byagenewe ingengo y'imari bikubiye muri Gahunda Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST1).

a) Mu N**kingi y' Ubukungu**

48. Intego nyamukuru ni ukwihutisha izamuka ry'ubukungu bugera kuri bose, bishingiye ku rwego rw'abikorera, ku bumenyi, n'umutungo kamere by'igihugu. Icyi cyiciro kikaba cyaragenewe agera kuri **Miliyari 1,636,7** z'amafaranga y'u Rwanda bingana na **56.9%** by'ingengo y'imari yose ya 2019/20. Gahunda n'ibikorwa by'ingenzi bikubiye muri iki cyiciro ni ibi bikurikira:

i) **Guhanga imirimo mishya igera ku bihumbi 213,198; hakazibandwa ku bikorwa by'ingenzi bikurikira:**

- ✓ Gukorana n'ibigo by'abikorera mu rwego rwo gushyira mu bikorwa gahunda yo kwigishiriza mu kazi (Work Place Learning), bikazafasha abakozi ibihumbi 3,300;
- ✓ Kongera umubare w'abanyeshuri barangiza amashuri yabo bafite ubumenyi bugendanye n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo no kubafasha kubona ibigo by'abikorera bibakira mu rwego rwo kwimenyereza umurimo *(industrial attachment and internship***);**
- ✓ Gukomeza gufasha abagore n'urubyiruko kwihangira imirimo bahabwa amahugurwa no kubona inguzanyo mu mabanki n'ibigo by'imali;
- ✓ Gushyigikira ibikorwa byo kongerera agaciro umusaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi no guteza imbere imyuga.

ii) **Gukomeza guteza imbere inganda hi**bandwa ku bikorwa by'ingenzi bikurikira:

- ✓ Gukomeza umushinga wo gutunganya ahagenewe inganda mu Ntara hashyirwamo ibikorwaremezo bitandukanye mu duce twa Bugesera, Rwamagana n'ahandi;
- ✓ Gukomeza gukorana n'Abikorera kugira ngo bashore imari mu bice byagenewe inganda mu Ntara;
- ✓ Gukomeza gahunda yo kwimura inganda zo mu cyanya cy'inganda cya Gikondo;
- ✓ Gutunganya ahagenewe ububiko bw'ibicuruzwa mu Karere ka Rusizi n'ubwa Kigali *(Kigali Logistic Platform)*
- ✓ Gukomeza kubaka amasoko yambukiranya imipaka mu turere twa Burera, Rusizi na Nyamasheke;

iii) **Kongera ibyo twohereza mu mahanga no guteza imbere ibikorerwa iwacu,** hakazibandwa ku bikorwa bikurikira:

- ✓ Kongerera ubushobozi ikigega kigamije guteza imbere ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga (Export Growth Facility);
- ✓ Kurushaho kongera ingano n'ubwiza bw'ibicuruzwa twohereza mu mahanga harimo Ikawa, Icyayi, Indabo, Imbuto n'ibindi;
- ✓ Kongera umusaruro ukomoka ku bikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro;
- ✓ Guteza imbere inganda z'imyenda n'ibikomoka ku mpu;
- ✓ Ndetse no gukomeza guteza imbere umusaruro w'ubukerarugendo binyuze cyane cyane mu gutegura no kwakira inama mpuzamahanga.

iv) **Guteza imbere urwego rwo gutwara abantu n'ibintu, iyi gahunda ikaba yaragenewe amafaranga agera kuri Miliyari 199.2** hakazibandwa ku bikorwa by'ingenzi bikurikira:

- ✓ Kubaka, gusana no kwagura imihanda itandukanye hirya no hino mu gihugu;
- ✓ Kunoza uburyo rusange bwo gutwara abantu mu mujyi wa Kigali no hirya no hino mu gihugu;
- ✓ Gukomeza kubaka imihanda ifasha kugeza umusaruro ku masoko hirya no hino mu mu turere.
- ✓ Guteza imbere ibikorwaremezo byifashishwa mu bwikorezi bwo mu mazi (Ubwato bwagenewe abaturage bo ku Kirwa cya Nkombo, no kubaka ibyambu bitandukanye ku Kiyaga cya Kivu)

v) Guteza imbere imijyi n'imiturire, iyi gahunda ikaba yaragenewe **amafaranga angana na Miliyari 122.1, hakazakorwa ibikorwa by'ingenzi bikurikira:**

- ✓ Gukomeza kunoza uburyo bw'imiturire hirya no hino mu gihugu;
- ✓ Gushyigikira ishoramari mu mishinga igamije kubaka amacumbi acirirtse kugira ngo abanyarwanda bafite ubushobozi buringaniye babafashe kubona icumbi;
- ✓ Kuvugurura igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali n'imijyi iwungirije;
- ✓ Gukomeza kunoza uburyo rusange bwo gutwara abantu mu Mujyi wa Kigali n'ahandi;
- ✓ Kurangiza umushinga wo kubaka Stade mberabyombi itwikiriye hafi ya Stade Amahoro; hamwe no gukomeza imirimo yo kubaka sitade z'uturere twa Bugesera, Ngoma na Nyagatare;
- ✓ Kubaka amazu azakorerwamo n'inzego za Leta zitandukanye no kuzigurira ibikoresho.

vi) **Kubaka ubukungu bushingiye ku bumenyi, iyi gahunda ikaba yaragenewe Miliyari 15.7,** hakazakorwa ibikorwa n'imishinga by'ingenzi bikurikira**:**

- ✓ Gukomeza gushyigikira Ikigega Giteza Imbere Ubushakashatsi no Guhanga ibishya *(Rwanda Research and Innovation Fund)*;
- ✓ Gushyigikira ibikorwa bya Andela Pan Africa Hub ifasha mu kubaka ubushobozi bw'urubyiruko mu guhanga gahunda z'ikoranabuhanga (software development) zitandukanye byo ku rwego mpuzamahanga;
- ✓ Gukomeza gushyigikira amashuri makuru y'Icyitegererezo harimo African Institute for Mathematical Sciences-Next Einstein Initiative-AIMS, African Center of Excellence in Internet of Things na Carnegie Melon Univeristy-CMU, n'izindi.

vii) **Guteza imbere urwego rw'ingufu, iyi gahunda ikaba yaragenewe amafaranga angana na Miliyari 143.4,** ibikorwa by'ingenzi bizibandwaho akaba ari ibi bikurikira:

- ✓ Gukomeza gahunda yo kugeza amashanyarazi ahantu 500 hakorerwa ibikorwa bitanga umusaruro *(productive uses)* n'ahatangirwa serivisi, harimo amashuri, ibigo nderabuzima, amasoko, na Santeri z'ubucuruzi;
- ✓ Kongera amashanyarazi akagera kuri MW 304 avuye kuri MW 221;
- ✓ Kubaka, gusana no kwagura imiyoboro y'amashanyarazi itandukanye mu rwego rwo kugabanya amashanyarazi atakara bitewe n'imiyoboro itameze neza.

viii) **Guteza imbere ukuzigama mu gihugu binyuze mu ibikorwa by'ingenzi bikurikira:**

- ✓ Guteza imbere ikoreshwa ry' ikoranabuhanga muri SACCO z'Imirenge no kuzihuriza hamwe ku rwego rw'Akarere, gushyiraho Banki Koperative zihuriyeho ku rwego rw'igihugu, hamwe no kurushaho gukurikirana imikorere yazo;

- ✓ Kugeza Gahundayo yo Kuzigama by'Igihe Kirekire-**Ejo Heza** mu gihugu hose no gushishikariza abanyarwanda kuyitabira;
- ✓ Kurushaho guteza imbere isoko ry'imari n'imigabane;
- ✓ Ndetse no gutangiza ikigega cyo guteza imbere imiturire gifasha mu kubona amazu acirirtse kizacungwa na Banki y'iterambere (BRD).

ix) **Kuzamura umusaruro w'urwego rw'ubuhinzi n'ubworozi, iyi gahunda ikaba yaragenewe amafaranga agera kuri Miliyari 155.8,** hakazakorwa ibikorwa by'ingenzi bikurikira:

- ✓ Gukomeza kongera ibikorwaremezo bifasha kuhira imyaka mu rwego rwo guhangana n'ingaruka zishingiye ku mihindagurikire y'ikirere;
- ✓ Kongera ubushakashatsi, gukorana n'abahinzi mu gukoresha neza imbuto n'ifumbire binyuze muri gahunda ya Nkunganire Muhinzi;
- ✓ Gukorana n'abikorera mu rwego rwo gutuburira imbuto imbere mu gihugu hagamijwe kugabanya izitumizwa mu mahanga;
- ✓ Gukomeza kubaka amaterase mu rwego rwo gufata neza ubutaka no kubwongerera umusaruro;
- ✓ Kubaka ibikorwaremezo bitandukanye bifasha mu kwita k'umusaruro nyuma yo gusarura hirya no hino mu gihugu, harimo ubwanikiro n'ubuhunikiro, ndetse n'imashini zumisha imyaka zigezweho;
- ✓ Gukomeza gahunda yo gukingira amatungo indwara zitandukanye no kuyatera intanga mu rwego rwo gukomeza guteza imbere amatungo atanga umusaruro wifuzwa;
- ✓ Gukomeza kongera amakusanyirizo y'amata, guteza imbere ubworozi bw'amafi, n'amatungo magufi;

- ✓ Gukomeza guteza imbere gahunda yo kwegereza ubwishingizi abahinzi n'aborozi.

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
-Ba Nyakubahwa ba Vice Perezida b'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi;
-Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

b) Mu Nkingi y'Imibereho myiza

49. Iyi nkingi igamije imibereho myiza y'abaturage binyuze mu ngamba zifasha kugira abaturage bafite ubumenyi bukenewe, abaturage babayeho neza kandi batekanye. Iyi nkingi ikaba yaragenewe amafaranga y'u Rwanda angana na **Miliyari 781.4,** bingana na **27.2%** y'ingengo y'imari yose y'umwaka wa 2019/20. Ibikorwa n'imishinga by'ingenzi bizibandwaho muri iyi nkingi ni ibi bikurikira:

i. **Kuzamura ireme ry'uburezi ku nzego zose byagenewe amafaranga agera kuri Miliyari 310.2** hakazibandwa ku bikorwa by'ingenzi bikurikira:

- ✓ Gukomeza kongera umubare w'ibitabo byifashishwa mu mashuri atandukanye;
- ✓ Gukomeza kubaka no gusana ibyumba by'amashuri abanza n'ayisumbuye hagamijwe kugabanya ubucucike mu mashuri;
- ✓ Kubaka ibyumba by'amashuri y'ubumenyingiro no kuyagezaho ibikoresho bitandukanye;
- ✓ Kongera ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu burezi;
- ✓ Guhugura abarimu kuri gahunda y'integanya nyigisho ishingiye ku bushobozi (compentency Based Curriculum), n'ururimi rw'Icyongereza;

- ✓ Gukomeza gushyira mu bikorwa amavugurura yakozwe muri Kaminuza y'u Rwanda (UR) ayifasha kugera ku ntego zayo no kwihaza ku mutungo;
- ✓ No gukomeza gushyigikira ibikorwa by'amashuri makuru y' ikitegererezo atandukanye.

ii. **Gukomeza kwegereza abaturage serivisi z'ubuzima,** iyi gahunda ikaba yaragenewe **amafaranga agera kuri Miliyari 230.9 hakazakorwa ibikorwa by'ingenzi bikurikira:**

- ✓ Gukomeza kubaka no kuvugurura ibitaro, harimo ibitaro bya Gatunda, Nyabikenke, Kiziguro na Munini, no gushakira ibikoresho ibyuzuye;
- ✓ Kubaka ivuriro ryita ku bantu bafite ibibazo byo mu mutwe byoroheje (Mental Day Care Center);
- ✓ Kugeza ibikorwaremezo by'ibanze birimo amazi n'amashanyarazi ku bitaro n'ibigonderabuzima bitandukanye hirya no hino mu gihugu;
- ✓ Gukomeza kongerera ubumenyi n'ubushobozi abakozi bo mu rwego rw'ubuzima hamwe no guteza imbere serivisi z'ubuvuzi zihariye cyane cyane hongerwa imbaraga mu buvuzi bwa Kanseri (Radiotherapy) mu bitaro bya Gisirikare bya Kanombe;
- ✓ Kubaka ikigo cy'amahugurwa n'ubushakashatsi ku ndwara ya Kanseri (IRCAD);
- ✓ Gukomeza ubukangurambaga mu kwirinda indwara zitandukanye nka Malariya, igituntu n'icyorezo cya Sida hamwe no gufasha abazirwaye kubona serivisi z'ubuvuzi zigezweho.

iii. **Gukomeza ibikorwa bigamije kurwanya ubukene byagenewe amafaranga angana na Miliyari 147.3,** hakazibandwa ku bikorwa by'ingenzi bikurikira:

- ✓ Gukomeza Gahunda ya Girinka Munyarwanda;

- ✓ Gukomeza gutanga inkunga y'ingoboka ku baturage batishoboye bujuje ibisabwa;
- ✓ Kongera umubare w'abaturage bahabwa imirimo ndetse n'iminsi y'akazi muri gahunda ya VUP;
- ✓ Kurangiza gahunda yo kuvugurura ibyiciro by'ubudehe bitanga amakuru yifashishwa muri gahunda zitandukanye;
- ✓ No gukomeza gufasha no kubakira abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi batishoboye, binyuze muri gahunda zitandukanye bagenerwa.

iv. Gukomeza gahunda igamije kurwanya imirire mibi bizibanda ku bikorwa by'ingenzi bikurikira:

- ✓ Gutanga ibiryo byihariye bikungahaye ku ntungamubiri (FBF) ku bagore batwite, abonsa n'abana bari hagati y'amezi 6-23 bagaragaza ibimenyetso by'imirire mibi;
- ✓ Gukomeza gahunda y'inkongoro y'umwana mu mashuri;
- ✓ Gukomeza gutanga amata ku bana bari munsi y'imyaka itanu bagaragaje ibimenyetso by'imirire mibi; no gukomeza ubukangurambaga bufasha abaturage mu gutegura indyo yuzuye.

v. Gukomeza kwegereza abaturage ibikorwa remezo by'ibanze birimo amazi, amashanyarazi n'amacumbi bizibanda ku bikorwa bikurikira:

- ✓ Gusana imiyobo y'amazi hirya no hino mu gihugu itagikora;
- ✓ Kubaka inganda zitunganya amazi meza za Kanzenze na Gihira;
- ✓ Kugeza amashanyarazi ku baturage harimo n'amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba (Off Grid solutions);
- ✓ Gukomeza kubaka amacumbi aciriritse ndetse n'imidugudu y'icyitegererezo (IDP Model Village).

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;

-Ba Nyakubahwa ba Vice Perezida b'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi;

-Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

c) Mu Nkingi y' Imiyoborere Myiza

50. Iyi nkingi igamije guteza imbere imiyoborere myiza n'ubutabera nk'inkingi y'iterambere rirambye. Ibikorwa bikubiye muri icyi cyiciro byagenewe amafaranga y'u Rwanda angana na **Miliyari 458.8** bingana na **15.9%** by'ingengo y'imari yose y'umwaka wa 2019/20. Ibikorwa by'ingenzi bizibandwaho ni ibi bikurikira:

i. **Gukomeza kunoza imitangire ya serivisi mu nzego za Leta no gusobanurira abaturage ibibakorerwa** hibandwa ku bikorwa by'Ingenzi bikurikira:

- ✓ Guteza imbere ubukangurambaga bwo gutanga serivisi nziza hongerwa serivisi zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga binyuze ku rubuga IREMBO;
- ✓ Kuvugurura serivisi z'irangamimerere zifasha kwandika hifashishijwe ikoranabuhanga abavutse, abashyingiwe, abatandukanye no kwandukura abitabye Imana, bikorewe aho byabereye;
- ✓ Kugeza mu mirenge uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa n'abaturage mu gutanga ibibazo byabo bigafasha inzego zose bireba gukurikirana uko bikemurwa;
- ✓ No kongera ubushobozi bw'inzego zitandukanye mu micungire y'imari n'umutungo bya Leta, cyane cyane mu bigo n'inzego bishamikiye ku Karere nk'Imirenge, Ibitaro, Ibigo Nderabuzima, n'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye.

iii. Gukomeza gusigasira indangagaciro z'umuco Nyarwanda binyuze mu bikorwa by'ingenzi bikurikira**:**

- ✓ Gutegura Itorero ry'ibyiciro bitandukanye harimo Indangamirwa, Urunana rw'Urungano, n'Intagamburuzwa;

- ✓ Gukomeza imirimo yo kwagura ikigo gitorezwamo umuco w ‘ubutore cya Nkumba;
- ✓ Kubaka Ingoro y’Umurage w’Amateka y’Urugamba rwo Kubohora u Rwanda ku Mulindi hamwe n’Igicumbi cy’Intwari z’u Rwanda i Remera;
- ✓ Kubaka no gusana ibigo ngororamuco bya Nyamagabe, Gitagata na Iwawa.

iii. **Guteza imbere urwego rw’ubutabera no gucunga umutekano w’abantu n’ibintu byagenewe amafaranga agera kuri Miliyari 147.6**, hakazibandwa ku bikorwa bikurikira:

- ✓ Gushyigikira ibikorwa by’abafasha mu by’amategeko n’abunzi;
- ✓ Guteza imbere gukoresha ikoranabuhanga mu butabera:
- ✓ Kugura ibikoresho byifashishwa muri Laboratwari y’ibimenyetso mpamo;
- ✓ Kubaka no gusana sitasiyo za Polisi zitandukanye;
- ✓ Kubaka ibigo by’amahugurwa bya Polisi n’Urwego Rushinzwe amagereza;
- ✓ Gukomeza kuvugurura amategeko mu rwego rwo kuyajyanisha n’igihe;
- ✓ Gukomeza kurwanya ruswa n’akarengane aho bigaragaye hose;
- ✓ No gukomeza gukumira no kurwanya ingengabitekerezo ya Genoside;

-Nyakubahwa Perezida w’Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
-Nyakubahwa Perezida w’Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w’Abadepite;
-Ba Nyakubahwa ba Vice Perezida b’Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi;
-Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

51. Nyuma yo kubagezaho gahunda n’ibikorwa by’ingezi bizibandwaho, munyemerere mbagezeho imwe mu mishinga y’ingenzi yagenewe amafaranga muri buri nkingi:

i. Mu Nkingi y'Ubukungu, **imishinga minini yagenewe amafaranga ni iyi ikurikira:**

- ✓ Umushinga ugamije kugeza amashanyarazi ku baturage hirya no hino mu gihugu wagenewe **Miliyari 36.8**;
- ✓ Umushinga wo kubaka umuyoboro w'amashyanyarazi wa Kigoma-Ngozi uduhuza n'Uburundi wagenewe **Miliyari 16.8**;
- ✓ Umushinga wo kubaka umuyoboro w'amashanyarazi uduhuza na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo wagenewe **Miliyari 13.8**;
- ✓ Umushinga wo kubaka umuyoboro w'amashanyarazi wa Mamba-Rwabusoro-Rilima wagenewe **Miliyari 12**;
- ✓ Umushinga wo kubaka ibigega bya litilo miliyoni 60 by'ibikomoka kuri peteroli i Rusororo wagenewe **Miliyari 10.9**;
- ✓ Umushinga wo kubaka amatara ku mihanda itandukanye yo ku rwego rw'igihugu wagenewe **Miliyari 10**;
- ✓ Umushinga wo kubaka umuyoboro w'amashyanyarazi wa Rusumo-Bugesera-Shango wagenewe **Miliyari 9.3**;
- ✓ Umushinga wo guteza imbere umusaruro ukomoka ku mata wagenewe **Miliyari 12**;
- ✓ Umushinga wo kwimura inganda zihererereye mu cyanya k'inganda cya Gikondo wagenewe **Miliyari 8.8**;
- ✓ Umushinga wo guteza imbere ibikorwa by'ubucuruzi mu karere k'Ibiyaga bigari wagenewe **Miliyari 3.5;**
- ✓ Umushinga wo kubaka ibyanya by'inganda ku rwego rw'intara wagenewe **Miliyari 4**;
- ✓ Gutunganya ubuso bwo kuhirwa mu karere ka Rwamagana wagenewe **Miliyari 8.1**;
- ✓ Umushinga wo guteza imbere ubukerarugendo wagenewe **Miliyari 10.3**
- ✓ Umushinga wo kubaka ibikorwaremezo bifasha kuhira imyaka mu buryo bugezweho: **Miliyari 4.6;**
- ✓ Umushinga wo kubungabunga ububiko bw'ibinyampeke: Miliyari 2.8;

- ✓ Gukomeza umushinga wa Gako wo gutunganya ahazororerwa inka zitanga inyama wagenewe **Miliyari 3.5**;
- ✓ Umushinga wo gutunganya Icyanya kizakorerwamo ubuhinzi mu gace ka Gabiro mu Karere ka Gatsibo (Gabiro Agribusiness Hub) wagenewe **Miliyari 8;**
- ✓ Umushinga ufasha kongera umusaruro n'ubwiza bw'ikawa wagenewe **Miliyari 2.6**;
- ✓ Umushinga wo gukora ubushakashatsi ku mutungo kamere twaba dufite mu butaka wagenewe **Miliyari 1.9**;
- ✓ Umushinga wo kugura ibiraro bibiri byimukanwa byifashishwa mu bihe bidasanzwe (Mobile Bridges): **Miliyari 4.3;**
- ✓ Gukomeza umushinga wo gutunganya umuhanda wa Pindura-Bweyeye wagenewe **Miliyari 5.3**;
- ✓ Umushinga wo kubaka ikiraro cya Satinsyi-Rubagabaga wagenewe **Miliyari 3.3**;
- ✓ Guteza imbere imihanda itandukanye ifasha kugeza umusaruro w'ubuhinzi ku masoko yagenewe **Miliyari 24.7**;
- ✓ Umushinga wo guteza imbere ibikorwaremezo byifashishwa mu bwikorezi bwo mu mazi wagenewe **Miliyari 8.6.**

ii. Mu nkingi y' imibereho myiza, imishinga minini yagenewe amafaranga ni iyi ikurikira:

- ✓ Gahunda yo gukwirakwiza amazi meza, n'ibikorwa by'isuku n'isukura mu buryo burambye yagenewe **Miliyari 26.4 (AfDB)**;
- ✓ Gukomeza umushinga wo gukwirakwiza amazi meza mu bice by'icyaro wagenewe **Miliyari 7 (GoR);**
- ✓ Gukomeza umushinga gukwirakwiza amazi meza mu mijyi wagenewe **Miliyari 11.2 (GoR);**
- ✓ Gukomeza umushinga wo guteza imbere ibikorwa by'isuku n'isukura mu mijyi hirya no hino mu gihugu: **Miliyari 7.7 (GoR & EIB);**
- ✓ Umushinga wo kubaka no gusana ibyumba by'amashuri hirya no hino mu gihugu: **Miliyari 17.4 (GoR);**

- ✓ Umushinga wo kubaka ibikorwa remezo muri Kaminuza y' u Rwanda wagenewe **Miliyari 5.4 (EXIM BANK KOREA);**
- ✓ Umushinga wo kurwanya kugwingira n'imirire mibi ku bana wagenewe **Miliyari 9.4 (WB);**
- ✓ Umushinga wo gukomeza gufasha abatishoboye wagenewe **Miliyari 22.2 (GoR & WB);**
- ✓ Umushinga wo gukomeza kubaka ibitaro bya Munini wagenewe **Miliyari 4 (KUWAIT FUND);**
- ✓ Umushinga "Ubuzima Burambye" ufasha mu bikorwa bitandukanye by'ubuzima harimo no kubaka ibitaro by'Akarere ka Nyarugenge wagenewe **Miliyari 7.6 (BELGIUM);**
- ✓ Gukomeza kurwanya Malariya n'izindi ndwara z'ibyorezo nka SIDA n'igituntu byagenewe **Miliyari 61 (GoR, GF);**

iii. Mu nkingi y'imiyoborere myiza, **imishinga minini yagenewe amafaranga ni iyi ikurikira:**

- ✓ Gukomeza umushinga wo gushyira ibyuma bifata amashusho ku mihanda n'ahantu hahurira abantu benshi mu rwego rw'umutekano (Public CCTV) wagenewe **Miliyari 5 (GoR);**
- ✓ Gukomeza umushinga wo gucunga umutekano w'amakuru y'ikoranabuhanga (Cyber Security) wagenewe **Miliyari 1.9 (GoR)**;
- ✓ Gusana umuyoboro wa interneti ku muhanda Kigali-Gatuna wagenewe **Miliyari 2.2 (GoR);**
- ✓ Gukomeza umushinga wo kwagura no gusana Inkiko z'Ibanze wagenewe **Miliyoni 900 (GoR);**
- ✓ Umushinga wo kubaka Ikigo kizajya gikorerwamo ibizami by'uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga hifashishijwe ikoranabuhanga wagenewe **Miliyari 1.5 (GoR);**
- ✓ Umushinga wo kugura imodoka zifashishwa mu kuzimya inkongi y'umuriro no mu bindi bikorwa by'ubutabazi wagenewe **Miliyari 1.6 (GoR).**
- ✓ Umushinga wo guteza imbere ibikorwa by'irangamimerere mu buryo bw'ikoranabuhanga wagenewe amafaranga angana na **Miliyari 1.3 (WB).**

UMWANZURO

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
-Ba Nyakubahwa ba Vice Perezida b'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi;
-Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

52. Mu gusoza, nongeye gushimira Inteko Ishinga Amategeko, mu izina rya Guverinoma, ku bufatanye mwatugaragarije mu itegurwa ry'iyi ngengo y'imari. Ndashimira kandi Inteko Ishinga Amategeko uburyo bwakoreshejwe mu gusuzuma imbanzirizamushinga w'ingengo y'imari hagendewe ku matsinda (clusters) buri rwego rubarizwamo, no gukora ubusesenguzi bushingiye kuri gahunda z'igihugu zitandukanye zigaragaza ibyihutirwa kurusha ibindi harimo Gahunda y'Igihugu y' imyaka irindwi yo Kwihutisha Iterambere (NST1), ibyo Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yemereye abaturage, hamwe n'imyanzuro y'inama nkuru z'igihugu zitandukanye.

53. Inama zatanzwe n'Inteko Ishinga Amategeko ishingiye ku busesenguzi bwakozwe zarazirikanwe muri uyu mushinga w'ingengo y'imali y'umwaka wa 2019/2020 hashingiwe ku mikoro ashoboka; ibindi bishyirwa muri gahunda y'igihe giciriritse. Ni mkuri urwo rwego, Ubuhinzi bwongerewe amafaranga agera kuri **Miliyari 32.4** agenewe ibikorwa bitandukanye bizafasha mu kwihaza mu biribwa. Aya mafaranga akazafasha kongera inyongeramusaruro, gusana igishanga cya Rurambi, kubaka ubwanikiro busaga 700 turere dutandukanye tw' igihugu, kubaka ubuhunikiro, no kugura imashini 10 zimukanwa zumisha imyaka. Hashatswe kandi n'amafaranga yo gutangiza umushinga wo gucunga neza amazi aturuka mu Birunga kugira ngo adakomeza kubangamira abaturage; ndetse n'ayo kubaka inyubako y'ibitaro bya Kiziguro.

54. Kuberako u Rwanda ruhahirana n'amahanga, ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'ubukungu n'ingengo y'imari nabagaragarije bishobora guhura n'inzitizi, zituruka

hanze y’igihugu ndetse n’imbere mu gihugu. Ku birebana n’inzitizi zishobora guturuka imbere mu gihugu, twavuga nk’imihindagurikire y’ikirere ishobora gutuma tutagera ku musaruro w’ubuhinzi twifuza. Naho ku nzitizi zaturuka hanze, ubukungu bwacu bushobora kubangamirwa n’igabanuka ry’ibiciro ku isoko mpuzamahanga bitewe no kuba ubukungu bw’ibihugu byateye imbere n’ibihugu byihuta mu iterambere bugenda bwiyongera ku gipimo cyo hasi bikaba byagira ingaruka kubyo twohereza ku isoko mpuzamahanga. Hari kandi impungenge z’izamuka ry’ibiciro ku masoko bitewe no kuba ibiciro by’ibicuruzwa dutumiza mu mahanga bizmurwa n’igiciro cy’ubwikorezi kigendana n’ibiciro by’ibikomoka kuri peteroli. Guverinoma izakomeza gukurikiranira hafi bene izi mpinduka kugira ngo aho bikenewe hafatwe ingamba zikiwiriye ku gihe.

55. Nongeye kubashimira, mu izina rya Guverinoma, umwanya mwampaye ngo mbagezeho uyu mushinga w’ingengo y’imari ya Leta y’umwaka wa 2019/2020, kandi mbasaba ko mwawushyigikira kugira ngo ibikorwa n’imishinga biwukubiyemo bizatangire gushyirwa mu bikorwa mu gihe cyateganyijwe.

MURAKOZE, NDABASHIMIYE!!